# KAYUMBU: HAKOZWE UMUGANDA WO KURWANYA ISURI, GUTERA IBITI NO GUFATA NEZA IBIKORWAREMEZO





Kimwe n'ahandi mu Karere, ku gasozi k'Ukumurehe Mu Mudugudu wa Ryamanywa Akagari ka Giko Umurenge wa Kayumbu niho habereye ku rwego rw'Akarere umuganda rusange usoza ukwezi kw'Ukwakira 2023.

Umuganda wibanze ku gutera ibiti bivangwa n'imyaka kuri 4ha, habayeho kandi ibikorwa byo kurwanya isuri hubakirwa umukingo wakundukaga kubera imvura bikaba byari biteye impungenge ko byakwangiriza imiryango ihatuye.

Uyu muganda witabiriwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice ari kumwe na bamwe mu bagize inama y'umutekano itaguye y'Intara ( Police, Inkeragutabara), bwana Nyoni Emilien Lambert Perezida w'Inama y'Akarere ari kumwe n'abajyanama mu nama Njyanama y'Akarere, Umuyobozi w'Akarere Dr Nahayo Sylvere na VM Ushinzwe imibereho myiza Mme Uwiringira Marie Josée, abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere ka Kamonyi , abakozi ku Karere no ku Murenge.

Nyuma y'umuganda, habayeho kandi gupima indwara zitandura ku babyifuza, abana kandi bagaburiwe indyo yuzuye mu rwego rwo gukumira imirire mibi no kurwanya igwingira.







# HAKOZWE AMATORA Y'INAMA NJYANAMA Y'UMUDUGUDU NO GUSIMBUZA ABATAKIRI MU NSHINGANO






Tariki 28 Ukwakira 2023, nyuma y'umuganda habaye amatora yo ku rwego RW'UMUDUGUDU, iki gikorwa kikaba cyari kigamije gukomeza guharanira imiyoborere myiza ishingiye ku gukorera mu mucyo no gufasha umuturage hashyirwaho inzego zimwegereye.

Hatowe abagize inama Njyanama y'Umudugudu, habayeho kandi gusimbuza ku baba bari bari muri komite nyobozi y'Umudugudu ariko ubu bakaba batakizirimo kubera impamvu zitandukanye ndetse n'ibyiciro byihariye (CNF, CNJ, NCPD) ku Mudugudu.

Muri iki gikorwa cyayobowe na komisiyo y'amatora, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme Kayitesi Alice yakurikiranye iyi gahunda mu Mudugudu wa Ryamanywa Umurenge wa Kayumbu, hari kandi n'abayobozi bandi ku rwego rw'Akarere, Umurenge n'Akagari ka Giko Umurenge wa Kayumbu.

# GUVERINERI W'INTARA Y'AMAJYEPFO YASABYE GUKOMEZA UBUFATANYE MU KWICUNGIRA UMUTEKANO.







Kuwa 20 Kamena 2023, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo Mme KAYITESI Alice ku gicamunsi yayoboye ku biro by'Akarere inama y'umutekano aho yasabye ubufatanye bw'inzego zose mu kwicungira umutekano, ndetse abaturage bagakomeza kwitabira ikorwa ry'irondo kandi hakabaho uburyo bunoze bwo kurigenzura mu rwego rwo gukumira ibyaha bitaraba. Abitabiriye iyi nama bunguranye ibitekerezo ku kubumbatira umutekano muri rusange hashingiwe ku kureba uko umutekano wari wifashe muri aya mezi 3 ashize, ikemurwa ry'ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage, bagejejweho uko igihembwe cy'ihinga 2024 A gihagaze banaganiriye ku ishyirwamubikorwa ry'imihigo y'Akarere 2023/2024. Iyi nama yitabiriwe n'Umuyobozi w'Ingabo mu Ntara y'Amajyepfo brigadier General Vicent GATAMA, umuyobozi wa Polisi mu Majyepfo ACP TWIZERE Desire.

Aba bashyitsi baturutse ku Ntara bakiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere, iyi nama yari yanatumiwemo abagize inama y'umutekano itaguye y'Akarere n'abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.



# NYAMIYAGA: HASHOREJWE UKWEZI KWAHARIWE IBIKORWA BY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BW'ABANYARWANDA




Tariki 31 Ukwakira 2023, kuri Stade ya Ngoma mu Murenge wa NYAMIYAGA habereye gahunda yo gusoza ibikorwa by'Ukwezi k'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu banyarwanda. Ni gahunda ngarukamwaka, gusoza bikaba byaranzwe n'ubutumwa bw'abayobozi ndetse n'abitabiriye, buganisha ku gukomeza kwimakaza ubumwe bw'abanyarwanda, buri wese akagira uruhare mu gukumira amacakubiri.

IGahunda yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josée wari kumwe n'abandi bakozi b'Akarere bakiriwe n'Umunyambanga Nshingwabikorwa w'umurenge bwana MUDAHEMUKA Jean Damascène hanatanzwe n'ikiganiro gifite insanganyamatsiko igira iti: " NDI Umunyarwanda, ICYOMORO N'IGIHANGO mu kubaka ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda", iki kiganiro abitabiriye bakigejejweho n amzehe Gahigi Athanase Umurinzi w'Igihango ku rwego rw'Umurenge wa Nyamiyaga.







# ABAKOZI B'AKARERE BASABWE GUKOMEZA GUSIGASIRA UBUMWE BWABO



Abakozi b'Akarere basabwe gukomeza gusigasira ubumwe bwabo kuko ariwo musingi w'imibanire myiza, bityo bagakomeza gutanga umusanzu wabo mu kubaka igihugu. Ibi babisabwe mu kiganiro kuri gahunda ya "Ndi Umunyarwanda" bitabiriye kuwa 27 Ukwakira 2023. Ni ibiganiro biri mu rwego rw'ibikorwa byahariwe ubumwe n'ubudaheranwa, abakozi bakorera ku cyicaro cy'Akarere bitabiriye ikiganiro kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda. Insanganyamatsiko y'ikiganiro yagiraga iti: "Ndi Umunyarwanda, icyomoro n'igihango mu kubaka ubumwe bw'abanyarwanda".



Nyuma yo kugezwahi iki kiganiro cyatanzwe n'umukozi w'Akarere bwana KABERA Innocent, abitabiriye bunguranye ibitekerezo ku ruhare rw'umukozi wa Leta mu gusigasigara ubumwe n'ubudaheranwa bw'abanyarwanda.



Ibiganiro byayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage Mme UWIRINGIRA Marie Josee, hari kandi Umuyobozi w'Imirimo rusange mu Karere bwana BUSHAYIJA Fred. Abakozi b'Imirenge ya KARAMA na RUNDA nabo bakurikiranye iki kiganiro mu Mirenge yabo, cyanitabiriwe n'ibyiciro byihariye ndetse n'abagize inama Njyanama y'Umurenge.



# KOMITE YA ISANGE ONE STOP CENTRE YARATERANYE MU NAMA NGARUKAKWEZI



Kuwa 27 Ukwakira 2024 ku biro by’Akarere bihereye i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge hateraniye inama yahuje abagize komite y’Akarere ikurikirana imikorere ya "Isange One Stop Centre", ahatangirwa serivisi zo kwita ku bagize ibibazo byo guhohoterwa. Inama yayobowe na Mme UWIRINGIRA Marie Josee Umuyobozi w’Akarere Wungirije ushinzwe imibereho myiza.



-Iyi komite mpuzabikorwa igizwe n’Umuyobozi w’Ibitaro bya Remera Rukoma Dr Jaribu Theogene, abakozi ba Isange One Stop Centre, inzego z’umutekano n’abakozi bakorera ku cyicaro cy’Akarere



# ABADEPITE BAGIZE KOMISIYO Y'UBUMWE BW'ABANYARWANDA BAGIRIYE URUZINDUKO MU KARERE









Kuva tariki 15-16 Ukwakira 2023, Abadepite bo mu Nteko Ishinga Amategeko muri Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside aribo Hon.Pie NIZEYIMANA na Hon.UWAMARIYA RUTIJANWA Marie Pelagie bamaze iminsi ibiri mu Karere muri gahunda igamije kureba Imibereho y'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi batishoboye na Serivise bagenerwa uko bazigezwaho, uko ibimenyetso n'ubuhamya bw'abarokotse Jenoside bibungabunzwe, aho amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ageze yandikwa.

Aba badepite bagiranye inama n'ubuyobozi bw'Akarere kuri izo ngingo, ibiganiro byitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere' abagize inama y'umutekano itaguye y'akarere, abahoze mu buyobozi bw'Akarere n'ibyari amakomini kuva 1995, abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abagize inzego za Ibuka ku Karere no mu Mirenge.

Nyuma y'iyi nama basuye urwibutso rw'Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Kamonyi, banagiranye ikiganiro n'abagenerwabikorwa ba MINUBUMWE batuye mu Murenge wa Gacurabwenge.

# ABATURAGE BARASABWA GUKUMIRA IHOHOTERWA KANDI BAGATANGA AMAKURU KU GIHE KU NZEGO ZIBISHINZE

Ubwo kuwa 26 Ukwakira 2023 hasozwaga amahugurwa yari yateguwe n'urwego rw'ubugenzacyaha RIB, abayobozi mu nzego z'ibanze mu byiciro bitandukanye mu Murenge wa Musambira basabwe kugira uruhare mu gukumira ibyaha by'ihohoterwa kandi bagatangira amakuru ku gihe igihe cyose bafite amakuru cyangwa se babonye uwakorewe ihohoterwa.

niho hashorejwe ku mugaragaro amahugurwa yari amaze iminsi 4 akaba yari agenewe abayobozi b'inzego z'ibanze mu Mirenge ya Musambira, Gacurabwenge, Ngamba na Rukoma. Aba bayobozi basobanuriwe uruhare rwabo mu kurwanya ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'irikorerwa abana ndetse bahawe ikiganiro kuri serivisi zitangwa na "Isange One Stop Centre" mu rwego rwo gufasha uwahohotewe.

Amahugurwa yashojwe na Mme KAYITESI Guverineri w'Intara y'Amajyepfo hari kandi Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere n'umuvugizi w'uru rwego rw'Ubugenzacyaha RIB Dr. MURANGIRA B. Thierry n'abandi bakozi muri RIB.









# ABAYOBOZI B'AMAKOPERATIVE BIBUKIJWE KO KOPERATIVE IGOMBA KUBA IMBARUTSO Y'ITERAMBERE KU MUNYAMURYANGO

Kuwa 25 Ukwakira 2023, ku biro by'Akarere i Gihinga habereye inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere n'abayobozi b'amakoperative. Muri iyi nama ubuyobozi bw'Akarere bwibukije aba bayobozi ko bagomba guharanira icyateza imbere koperative bayobozi, bityo koperative ikaba koko umusemburo w'iterambere ry'abanyamuryango.





Ni inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr NAHAYO Sylvere akaba yarabashimiye uruhare rwabo mu iterambere ry'amakoperative no kwita ku mibereho myiza y'abanyamuryango bayo. Yabasabye gushyira imbere ibyifuzo by'abanyamuryango bityo bakubaka koperative zitajegajega.



mu gosoza iyi nama Ubuyobozi bw'Akarere bwasangije aba bayobozi b'amakoperative amakuru ku mikorere ku byakozwe n'Urugerero rudaciye ingando, intore z'Inkomezabigwi icyiciro cya XI zikaba zimaze gukora ibikorwa by'ubwitange bitandukanye biteza imbere umuryango nyarwanda, uru rubyiruko kandi rukaba ruri gutozwa umuco wo gukunda igihugu no kugikorera.



# ABAFATANYABIKORWA B'ITORERO RYA EPR BAGIRANYE INAMA N'UBUYOBOZI BW'AKARERE

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA M.Josee, yakiriye mu biro bye abafatanyabikorwa bari bayobowe na Rev. Pr Bizimana Jerome Umuyobozi wa Presbytery ya REMERA Rukoma mu Itorero rya EPR, ari kumwe n'abayobozi 2 b'amashuri yo mu Suisse Xavier NICOD (Primary HT) na Philippe VERDOZ (secondary HT) bo muri Canton ya Vand.





Aba bashyitsi bari baje gusura amashuri ya GS Bubazi na GS Runda Isonga bafitanye umubano binyuze muri Departement Missionnaire Suisse n'Itorero rya EPR nyuma y'uruzinduko aba bayobozi bacu bakoreye iwabo.



Muri ibi ibiganiro byibanze ku guhana ubunararibonye mu burezi mu bigo byose hagamijwe guharanira ireme ry'uburezi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe imibereho myiza yashimiye Itorero rya EPR ku ruhare rwabo mu guteza imbere uburezi biganisha ku guharanira imibereho myiza y'abaturage.



# ABAGIZE IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA BIYEMEJE KUBA UMUSEMBURO W'IMIBANIRE IZIRA AMAKEMWA



Ubwo bari mu nama kuri gahunda ya Ndi Umunyarwanda muri uku kwezi kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa kuwa 16/10/2023, abagize ihuriro ry'ubumwe n'ubudaheranwa biyemeje kuba umusemburo w'imibanire izira amakemwa, bakumira ivangura n'amacakubiri mu bana b'u Rwanda.



Mu rwego rwo kuzirikana ukwezi kwahariwe kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda ku cyicaro cy'Akarere ka Kamonyi hahuriye niho Abagize Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ku rwego rw'Akarere bateraniye kuwa mbere tariki 16 Ukwakira mu nyunguranabitekerezo.
Ni inama yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr NAHAYO Sylvere akaba yabashimiye uruhare rwabo mu gusigasira Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda by'Umwihariko mu Karere ka Kamonyi.



Icyo gihe Abagize Ihuriro bahaweIkiganiro cya "Ndi Umunyarwanda nk'Icyomoro n'Igihango" bagejejweho na Pastor BIZIMANA Jerome Uhagarariye amadini mu Karere. Abagize Ihuriro biyemeje gukomeza gusigasira ubumwe bw'abanyarwanda bwo soko y'imibereho myiza, iterambere ritajegajega.



# HABAYE INAMA YIGA KU BIBAZO BIKIBANGAMIYE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE



Tariki 25 Ukwakira 2023, Umuyobozi w'Akarere Wungirije  Ushinzwe Imibereho Myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee yayoboye inama yabere ku Karere i Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge, abatumiwe bunguranye ibitekerezo ku ngamba nshya zigamije kurwanya igwingira ry'abana no gukumira imirire mibi mu bana bato.

Iyi nama ku kurwanya imirire mibi n'igwingira ry'abana yitabiriwe n'Umuyobozi w'Ibitaro bya Remera Rukoma Dr. JARIBU Theogene, yanatumiwemo abafatanyabikorwa, abashinzwe imirire ku bitaro no ku bigo nderabuzima, abashinzwe imibereho myiza mu Mirenge n'abakozi bashinzwe ibikorwa by'abajyanama b'ubuzima







# INTEKO Z'ABATURAGE ZIKOMEJE KUBA UMUYOBORO KU ISHYIRWAMUBIKORWA RYA GAHUNDA ZA LETA.

Nkuko bisanzwe buri wa kabiri, inteko rusange z'abaturage zateranye muri uku kwezi k'Ukwakira kandi zaritabiriwe mu bipimo bishimishije.

Muri rusange haganirwa kuri gahunda za Leta n'ishyirwamubikorwa ry'izi gahunda ndetse hakakirwa hakanakemurwa ibibazo by'abaturage.

Hagarutswe ku kwicungira umutekano hibandwa ku ikorwa ry'amarondo, hatanzwe ubutumwa ku kwirinda impanuka zo mu muhanda, haganiriwe ku bwisungane mu kwivuza 2023/2024, Kurwanya amakimbirane yo mu ngo ahubwo hakubakwa umuryango utekanye, abaturage bibukijwe kandi guhinga ubutaka bwose budahinze.

-Ubwo yari mu Kagari ka Kazirabonde Umurenge wa Ngamba kuwa 24 Ukwakira, Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO yasabye abaturage gukomeza kugira uruhare mu kwicungira umutekano kuko ariwo nkingi ya byose. Yabasabye kandi kumva ko uburezi n'uburere bw'abana buri mu biganza byabo, anabibutsa ko amakimbirane mu ngo agira uruhare mu kudindiza iterambere ry'urugo.









# ABACURUZI B'IMBOGA N'IMBUTO I MUSHIMBA BARISHIMIRA KO BUBAKIWE ISOKO

Abacuruzi b'imboga n'imbuto bakorera hafi y'Umuhanda wa kaburimbo Kigali-Kamonyi-Muhanga mu Kagari ka Kigembe mu Murenge wa Gacurabwenge, barashimira ubuyobozi ndetse n'abafatanyabikorwa babukakiye isoko ryagutse ugereranyije n'aho bari basanzwe bakorera.

Umuyobozi w'Akarere Dr.NAHAYO Sylvere yafunguye ku mugaragaro isoko ry'imboga n'imbuto rya Mushimba mu Kagari ka Kigembe Umurenge wa Gacurabwenge yasabye aba bacuruzi gushyira umutima ku kazi kabo bagacuruza bakunguka bityo bakiteza imbere bagateza imbere n'imiryango yabo.

Ni isoko ryubatswe mu rwego rwo kongerera ubumenyi no gufasha abahungu n'abakobwa bagize inshingano zo kurera bakiri bato.












Iri soko ry'imboga rya Mushimba #Gacurabwenge ryubatswe bigizwemo uruhare n'Akarere ku bufatanye n'Umufatanyabikorwa Save Generations, igikorwa cyatewe inkunga n'Urwego rw'Igihugu rw'Imiyoborere mu Rwanda (RGB).

Muri iki gikorwa SAVE Generation Organization yari ihagarariwe muri uyu muhango na bwana MUGENYI Hakim ku RGB yari ihagarariwe na Mme HABIYONIZEYE Yvonne.

# HASHOJWE AMAHUGURWA KU RUBYIRUKO RWIZE IMYUGA N'UBUMENYINGIRO

Kuwa 19/10/2023 mu Kagari ka Gihinga mu Murenge wa Gacurabwenge, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe iterambere ry'imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee yayoboye umuhango wabereyemo igikorwa cyo kugaragariza Ubuyobozi bw'Akarere urubyiruko 21 rwize imyuga itandukanye muri IPRC ku nkunga ya KILIMO TRUST yari ihagarariwe na bwana GASHAYIJA Andrew muri uyu muhango.

Aba basore n'inkumi harimo abize gukora ibiryo by'amatungo, gutunganya amata, gutunganya inyama, gusana imashini zitunganya ibiribwa, gukora ibiryo by'amatungo, ubworozi bw'inkoko, gutunganya imbuto n'imboga.









Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza yasabye abize imyuga ko babyaza umusaruro ayo mahirwe bagize, bityo bagafatanya n'abandi kwihangira umulimo bakiteza imbere ndetse bakazageza n'igihe cyo gutanga akazi ku rundi rubyiruko bagenzi babo



# ABAHINZI BIBUKIJWE KO IGIHE CYO GUTERA UMUTI MU BIPIMO BYA KAWA KIGEZE





Mu rwego rwo kongera umusaruro wa kawa mu bwinshi no mu bwiza, abahinzi ba kawa bibukijwe ko igihe cyo gutera ifumbire mu bihingwa bya kawa kigeze, asaba abayobozi bose gukora ubukangurambaga mu bahinzi kandi bagafashwa kwgerezwa inyongeramusaruro.



Kuwa 19 Ukwakira 2023, ku biro by'Akarere ka Kamonyi habereye inama ya "Coffee Task Force" yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Dr. NAHAYO Sylvere nibwo ubwo butumwa bwatanzwe n'umuyobozi w'Akarere mu nama yari yitabiriwe n'abakozi bo mu Ishami ry'Ubuhinzi n'Umutungo Kamere ku Karere, abakozi bashinzwe Ubuhinzi mu Murenge, abayobozi b'Inganda zitonora Kawa n'abayobozi b'Amakoperative y'ibahinzi ba Kawa.



Muri iyi nama hagarutswe ku kurebera hamwe ingamba zizafasha mu kwesa umuhigo wo gutunganyiriza umusaruro wa Kawa mu nganda, gahunda yo gutera ingemwe za kawa, gutegura gahunda yo gutera ifumbire mvaruganda ku gihingwa cya Kawa.



## ABAGENZI N'ABASHOFERI BIBUKIJWE KO BAGOMBA KWIGENGESERA MU MUHANDA

Muri gare ya Bishenyi Akagari ka Muganza Umurenge wa Runda tariki 24 Ukwakira 2023 niho hatangirijwe ukwezi kwahariwe ibikorwa bya Polisi y'igihugu. Ni ubukangurambaga buzakorwa ku bufatanye n'abaturage bukazibanda ku marushanwa mu bikorwa by'isuku n'isukura, no gukumira igwingira ry'abana.

Umuyobozi wa Polisi mu Karere Supt. Karemera Francis yibukije ko kwitwararika amategeko y'umuhanda aribyo bizatuma impanuka zikumirwa ku gipimo gishimishije. Yasabye abakoresha umuhanda kwigengesera bityo bakagira uruhare mu kurengera ubuzima. Yavuze ko muri uku kwezi hazibandwa kuri gahunda ya #Gerayo Amahoro ariko hakanabaho ubufatanye n'ubuyobozi bw'Akarere mu gukumira igwingira ry'abana ndetse no kurwanya umwanda.

Iyi gahunda yatangijwe ku mugaragaro na VM ushinzwe imibereho myiza Mme UWIRINGIRA Marie Josee akaba yarasabye abaturage kandi guhinga ubutaka bwose mu rwego rwo kongera umusaruro, kuko isuku yonyine ntiyashoboka igihe abantu baba bashonje bityo ko bagomba gushyira imbaraga mu bikorwa by'ubuhinzi.









NewsLetter yatunganyijwe na:

Faustin NTAKIRUTIMANA

"Public Relations, Media & Communications"